# IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAMU JEANNETTE KAGAME

## Kwizihiza '**Imyaka 30 y'Ubudaheranwa**' mu gikorwa cyateguwe na AVEGA - AGAHOZO

KIGALI CONVENTION CENTRE, 14 KAMENA 2024

**Bayobozi mu nzego zitandukanye,**

**Banyamuryango ba AVEGA Agahozo,**

**Abahagarariye imiryango y'abarokotse Jenoside,**

**Rubyiruko, Bana bacu,**

**Batumirwa, Nshuti za Avega Agahozo,**

**Mwaramutse neza!**

- Munyemerere nanjye mbanze mbakomeze ku bw'umubyeyi Marguerite Mukansanga watuvuyemo.

- Muri iyi minsi 100 yahariwe kwibuka Abatutsi bishwe muri Jenoside, iyo dutekereje intimba, ubwoba, kwiheba, imbeho byari bituye umutima wacu muri mata 1994 na nyuma y'aho, ukabigereranya n'uko twiyumva uyu munsi; ushima u Rwanda n'abarwo.

- Mu mateka y'u Rwanda, Jenoside yakorewe Abatutsi niko kaga gakomeye kagwiriye igihugu cyacu. Niyo mpamvu kurenga ingaruka yadusigiye, kugira ngo twongere tugire igihugu byagombaga gusaba ikiguzi kinini.

- Turashima Inkotanyi zaruzuye ariko turanashima n'abafatanyabikorwa bazo, aribo mwebwe, mu rugendo rwo kubaka u Rwanda rushya.

**Banyamurango ba AVEGA AGAHOZO,**

- Ni iby'agaciro kubona twicaranye duhujwe no kwizihiza imyaka 30 y'Ubudaheranwa, inafite byinshi isobanuye kuri twese nk'Abanyarwanda namwe by'umwihariko. ***Murakabaho****! Tunejejwe no kuba muriho kandi mushima.*

- Burya rero, iyo hari umuntu ukeneye ko umwumva, ukamukundira ukamwumva nawe agashobora kwirenga mugafatana ukuboko, burya ni we uba afite uruhare rukomeye mu rugendo mwiyemeje mwembi.

- Mwarakoze kutwemerera ko tubumva, ko igihugu cyibumva kikabafata ukuboko, maze mugeze aho muraniyemeza murakataza, none 30 irashize n'indi irenga izaza!

**Babyeyi beza, "AbAvega" nk'uko mukunze kubivuga,**

- Nyuma y'ubuzima bugoye cyane mwabayemo muri Jenoside yakorewe Abatutsi ndetse na nyuma yayo, mwakoze ibirenze ibyo mwari mushoboye, mutanga ibirenze ibyo mwari mufite, mutiganda cyangwa ngo mwiganyire, maze mugaba ineza, amahoro n'urukundo, mutwubakira umuryango Nyarwanda.

- Turabacyeje rero kuko mwabaye aha benshi mu miryango yanyu, mwarereye u Rwanda imfubyi mwari musigaranye, ubu barakuze kandi barakorera igihugu, ndetse ikindi gikomeye cyane mwakoze, mwarirenze mubabarira ababahemukiye.

**Babyeyi mugize umuryango Avega - Agahozo,**

- Mbona ubutumire bwanyu bunsaba kubaganiriza kuri uyu munsi, nakomeje kwibaza icyo nkwiye kuganiriza ababyeyi b'intwari nkamwe, mwanyuze mu bikomeye bitavugwa kandi mukabinyuranamo ubupfura butangaje. Nta wabona amagambo akwiriye yo

kubashimira ariko ndagira ngo mbibutse ko tubizirikana kandi tubafite ku mutima.

- Umubyeyi Mariya Yohana, hari indirimbo yaririmbye agira ati '*Sinkwibutsa Kwibuka, uhora wibuka, ukomwa na gato ukamwibuka cyangwa se ukabibuka…*'.

- Kubitegereza uyu munsi muri ababyeyi bizihiye u Rwanda, mutaraheranywe ni ibyo kwizihiza koko. Mwabaye inkingi n'ingabo ikingira umuryango, ngo abo mureberera, baba abakuru n'abato, batagira ikibahungabanya.

**Batumirwa turi kumwe uyu munsi,**

- Mumfashe twongere dushimire abagize igitekerezo cyo gushinga umuryango Avega - Agahozo - wabaye agahozo koko, mu bihe byari bikomeye, mutanga ihumure ndetse mwagerageje no komoranana ibikomere, bitari komorwa n'undi uwo ari we wese.

- Rimwe mu masomo akomeye twabigiyeho, ni imbaraga n'ubushobozi mwishatsemo bwo kumenya uko muhoza Abanyarwanda, nyamara nta mahugurwa mwabiboneye.

- Mwarabishoboye mubasha guhozanya ubwanyu, ariko natwe twese nk'Abanyarwanda mwakomeje kutwerera imbuto z'urukundo, kwihangana, ubunyangamugayo n'ibindi byose biranga umubyeyi ubereye u Rwanda.

- Mu myaka 30 ishize, twakoze byinshi mu kubaka ubushobozi bw'umugore mu Rwanda. Mwebwe, mwagaragaje ubushobozi n'imbaraga umugore yifitemo, na mbere y'uko ubwo bukangurambaga tubutangira.
- Urugendo rw'Ubudaheranwa twizihiza muri iyi myaka 30 ishize umuntu yarurebera mu bice bitatu:

- Imyaka 10 ya mbere cyari igihe cyo kunamira abacu, kugerageza gusubiza icyubahiro abacu bambuwe ubuzima bagashyingurwa mu cyubahiro. Byari ibihe bikomeye by'agahinda kenshi, byanadukomereye cyane.

- Ibikomere ku mubiri no ku mutima byari bikiri byinshi, cyari igihe cyo kwirabura, ariko cyari n’igihe cyo gukemura ibibazo by’imibereho byari byugarije abanyamuryango.

- Imyaka 10 yakurikiyeho yabaye iyo kongera kugerageza kuremarema duhereye kuri bike cyane; haba amacumbi, amavuriro, kwigisha abana, kandi nabyo ntibyari byoroshye.

- Indi myaka 10 yabaye iyo gutsura imibereho myiza n’iterambere. Icyari icyizere cyahindutse ubushobozi n’imbaraga. Mbonereho gushimira ubuyobozi bw’igihugu cyacu n’abafatanyabikorwa bose badufashije muri uru rugendo kandi n’ubu rugikomeje.

- Indi myaka iri imbere rero ni iyo gusigasira ibyagezweho no kubyubakiraho, kugira ngo tugere ku iterambere rirambye. Ubushobozi mwagaragaje muri iyi myaka

itambutse, buduhamiriza ko imbere ari heza, kandi ko muzagera no ku bindi byiza birushijeho.

- Ubutwari bwanyu ni umurage uzaherekeza abadukomokaho. Ku bakiremerewe n'ingaruka za Jenoside, uru rugendo tuzarukomezanya namwe, twifashisha imbaraga twakuye muri iyi myaka 30 ishize.

**Babyeyi,**

- Mwahanzwe amaso na benshi, musabwa byinshi, muba intwari, mufatanya n'abandi mwegura u Rwanda, muharanira kubaho kandi mwabigezeho. **Mwarakoze**!

- Mwabaye **urumuri rw'ubudaheranwa ku gihugu cyacu**. Tuzazirikana iteka umurava, ubutwari, ubwitange n'urukundo byanyu mu kurerera u Rwanda.

- U Rwanda mukunda kandi narwo rubakunda, ruzakomeza kubabera inyegamo.

- Tubashimiye cyane umusanzu wanyu mu kubaka igihugu muri iyi myaka 30 ishize no kuba ijwi rya bamwe muri mwe bagifite intege nke, n'ibindi bikorwa nk'ibyo byiza mubikomeze. Natwe tubijeje gukomeza ubufatanye muri uru rugendo.

- Nsoza ndagira ngo mbisabire, urukundo mukunda abandi, ineza mwagiriye abandi namwe harageze ko mwitekerezaho, mukikunda.
- Uko mwatubereye urugero rwiza rw'ubuzima nyuma y'urupfu, ni nako mukwiye gukomeza kubaho kandi neza, ntawe usigaye inyuma - Abato bacu nabo babamenye, babagushe neza.

- **Murakoze**! **Mbifurije umunsi mwiza.**